



# INGUZANYO Y'UBUHINZI BWA KAWA

## IRIBURIRO:

Iyi nguzanyo itangwa mu rwego rwo kwagura ishoramari mu bijyanye n'uruhererekane nyongeragaciro mu buhinzi bwa kawa bubungabunga ibidukikije kandi butangiza ikirere. Igenewe gufasha abahinzi kugura umurima; kubona inyongera musaruro; gutunganya ubutaka; kugura imbuto; kugura ibikoreho byifashishwa mu buhinzi nk'amasuka, imashini zihinga, izivomerera, izitera imiti; kwita ku gihingwa cya kawa; guhamba abakozi; gutunganya, gufata neza umusaruro n'ubwikorezi bwawo. Muri abo bahinzi dushishikariza urubyiruko, abagore, n'abafite ubumuga kuyitabira.

## ABO IGENEWE:

1. Abacuruzi b'inyongeramusaruro (imbuto, ifumbire n'imiti)
2. Abahinzi (umuntu ku giti cye, amatsinda, koperative n'abandi...)
3. Inganda zitunganya umusaruro wa kawa
4. Abikorezi b'umusaruro (ku magare, moto, lifani n'imodoka)
5. Abongerera agaciro n'abacuruza umusaruro wa kawa

## UMWIHARIKO:

1. Itangirwa ku nyungu nto: 6% ku mwaka ku bahinzi na 18%-20% ku bandi bari mu ruhererekane nyongeragaciro rwa kawa
2. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
3. Yishyurwa hashingiwe ku bushobozi bwo kwishyura (ku kwezi, ku gihembwe, ku musaruro)

4. Igihe gihagije cyo kwitegura kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 6 (iyo gikenewe).
5. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 48 bitewe n'imiterere y'umushinga.

## **IBYO KWITABWAHO MU GUHANGANA N' IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:**

- a. Kwibanda ku nyongeramusaruro zishingiye ku buhinzi bwa kamere, burengera ibihingwa n'ubuzima bwa muntu.
- b. Kubahiriza igihe nyacyo cy'ihinga hakurikijwe amakuru y'iteganyagihe
- c. Kubungabunga amazi.
- d. Gusasira no gutera ibiti bivangwa na Kawa kuko birinda ubuta ka bikanongera umusaruro mu bwiza no mu bwinshi.

## **INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:**

1. Umuhinzi ku giti cye ahabwa kugeza kuri 20.000.000 Frw
2. Amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bari mu ruhererekanye nyongeracaciro bashobora guhabwa arenze 20,000,000 Frw

## **IBISABWA:**

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikije